# 359: lyo ntinye ko kwizera Kwanjy' ari guke

1.

lyo ntinye ko kwizera Kwanjy' ari guke, Kand’ iyo ngiye kuneshwa, Yesu ni W' umfata.

Ref:

Yes' aramfata, Akankomeza, Kukw ankunda bihebuje : Arankomeza.

2.

Urukundo rwanjye ruke Ntirwamufata. Sinamugundir' ubwanjye : Yesu ni W' umfata.

3.

Ntiyandeka, kukw ankunda.Nubwo ndi mubi; Anyishimir' ubwo nd' uwe ; itek' aramfata.

4.

Ntiyakundir' ubugingo Bwanjye kubura; Yabucunguj' igiciro : Itek' aramfata